**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUSIZI**
**B.P. 253 RUSIZI**
**Telephone: 0788543551/0788832077**
**E-mail: info@rusizi.gov.rw**

# ITANGAZO RY'AKAZI K'IGIHE GITO

Hashingiwe ku ibaruwa N° 2188/12.00/2024 yo ku wa 22/11/2024 Minisitiri w'Uburezi yandikiye Uturere adusaba gushaka no gushyira mu myanya abarimu b'abasimbura ;

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi buramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko hari akazi k'igihe gito (Temporary Job) gasabwa binyuze ku kigo cy'ishuri cyegereye usaba akazi, kugira ngo yinjizwe muri sisiteme yabugenewe ifasha mu gushaka abarimu basimbura abari mu biruhuko.

**Usaba akazi agomba kuba yemera ibi bikurikira:**

1. Gutanga Diplôme (A2/A1/A0) iherekejwe n'indangamanota (Transcript/Report) bisikannye neza mu buryo busomeka ;

2. Gukorera ku masezerano y'igihe gito (igihe kingana n'icyagenewe uwo asimbura) ;

3. Gukorera ku kigo atasabyeho mu gihe aho yasabye hatabonetse umwanya ;

**Icyitonderwa** : Buri muyobozi w'ikigo cy'ishuri ushyikirijwe ubusabe, abushyira muri sisiteme ya TMIS n'iyo yaba adafite umwarimu mu kiruhuko.

Bikorewe i Rusizi, ku wa 06/01/2025

**HABIMANA Alfred**
**Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere ka Rusizi**